/M.A./M.C./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 06/08/1987

Nº 2905 /15.04

Bwana Prefe wa Prefegitura (BOSE)
................................

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
na za Koperative muli Prefegitura (BOSE)
................................

Bwana Umuyobozi w'Ikigo cy'Urubyiruko(BOSE)
................................

IMPAMVU: Inyandiko-mvugo
y'INAMA.

Bwana,

Nejejwe no kubohererereza, hamwe n'iyi baruwa, inyandiko-mvugo y'inama y'Abayobozi b'urubyiruko na Koperative muli Prefegitura n'Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko yabereye i KIGALI ku KABUSUNZU kuva kuwa 11 kugeza kuwa 12 Werurwe 1987.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Lt Col BEM.-

INAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO NA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA N'ABAYOBOZI B'IBIGO BY'URUBYIRUKO YABEREYE KU KABUSUNZU KUVA KUWA 11 KUGEZA KUWA 12 WERURWE 1987.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

Inama yafunguwe na Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative NDINDILIYIMANA Agusitini Lt Col BEM.

Ministri NDINDILIYIMANA afata ijambo yabanje gushimira abali bayijemo kuba bayitabiriye ali benshi, ababwira ko inama nk'izo zizajya zikorwa buli gihembwe kugirango abakozi b'inzego zose bibukiranye ibyo bashinzwe gukora, barebere hamwe ibibazo bahura nabyo kandi babishakire umuti.

Iyo mibonano ni ngombwa kuko yerekana ko abantu bafatanyije.

Yahise abagezaho ibyagombaga gusuzumwa muli iyo nama ahereye kuby'ingenzi.

Programu y'ibiteganyijwe gukorwa na Ministeri uyu mwaka

Kubera ko ibintu bidashobora gukorerwa limwe, iyo programu igomba gushyirwaho hakulikijwe ibyihutirwa n'ubushobozi Ministeri ifite.

Buli buyobozi bukuru bw'imilimo bugomba kwerekana ibiteganywa gukorwa kandi bishoboka n'igihe bizatangirira. Izo programu zireba abakozi bose ba Ministeri kandi buli wese agomba kubimenya. Abo muli Prefegitura nabo bagomba kubimenya ndetse bakongeramo ibyabo bakurikije ibibazo buli karere kihariye.

Amabwiliza yahawe Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko

Intego z'ibigo by'urubyiruko ni eshatu :

- kwigisha
- kwongera umusaruro
- gutera inkunga abarangije mu Kigo kugirango bashobore kwifasha.

Hatangwa amabwiliza mu bigo buli mwaka hakulikijwe izo ntego. Kubyerekeye kwigisha nta bintu bishya byiyongera ku mabwiliza yatanzwe. Aliko kubyerekeye kwongera umusaruro, byakomeje kuruhanya ku bulyo kugeza ubu umusaruro w'ibigo udashimishije. Kugirango birusheho kuba byiza, buli Kigo kizajya gitegura ubulyo bwo kongera umusaruro. Ubulyo abakozi ba Ministeri bagerageje gutegura bafatanyije n'abo mu bigo bimwe na bimwe ntabwo buhwitse. Niyo mpamvu mu nama bikwiye kwigira hamwe ubwo bulyo bwatuma umusaruro wiyongera; buli muyobozi w'ikigo akagenda azi icyo agomba gukora, nyuma bakabona kubohereza amabwiliza. Tugomba kumenya ikintu kibuze kugirango umusaruro w'ibigo wiyongere.

Tugomba gutangira programu nshya yo kwigisha mu bigo; bigatangira guhugura urubyiruko rukorera mu mashyirahamwe, urwasohotse muli CERAI no muli C.F.J. Abayobozi b'ibigo bagomba gusobanulirwa neza iyo programu nshya (Formation-Information).

.../...

Ikigo cy'i NDAGO nicyo kigomba gutangira gushyira mu bikorwa iyo programu. Abantu aliko bagomba gushyira mu gaciro cyane cyane iyo baka ibikoresho, amamodoka n'ibindi. Ministri yatanze urugero asobanulira abali mu nama ko **abali bafite igitekerezo** cy'uko amamodoka azakoreshwa mu ibarura ly'ibikorwa by'urubyiruko muli Prefegitura azagurwa mu mafranga yagenewe ilyo barura, bitazashoboka kubera ko Ministeri y'Imali n'Ubukungu itabyemera kandi ibigomba gukorwa byasobanuliwe Abadepite; ntabwo ali byiza rero kubeshya. Ni ukuvuga ko Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura batakibonye izo modoka uyu mwaka.

Tugomba rero gukoresha uduke dufite, tugakora ibyo dushoboye. Ministri yibukije ko inama atali iyo umuntu umwe ali iya bose, abasaba kungurana ibitekerezo. Nanone Ministeri igomba gutanga amabwiliza asobanura uko akazi kagomba gukorwa aliko Abayobozi b'Urubyiruko na **Koperative** muli Prefegitura nabo bagomba kwereka abakozi bo muli Ministeri ibyo bakora bakurikije ubushobozi bwabo.

Kubyerekeye ibarura Ministeri iteganya gukora mu gihugu cyose, Ministri [illegible]iye Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative ko alibo lireba cyane, ko bagomba rero gukulikiranira hafi imilimo yalyo bagafatanya n'abandi bakozi bazaba bashyizwe muli Komite ya Prefegitura. Yibukije ko umulimo dushinzwe ureba rubanda akaba aliyo mpamvu ugomba gukorwa dufatanyije nabo, tukiyambaza abajyanama ba Segiteri n'abagize Komite ya Selire. Mu nama cyangwa amahugurwa akorerwa abagize Komite ya Selire, Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bagomba kubakangulira ibibazo by'urubyiruko, bakabigisha kandi bakabasobanulira umulimo bashinzwe. Bagomba kandi gukoresha inama Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative muli Komini bakabasobanulira ibyo bakwigisha abanyamulyango b'amashyirahamwe y'urubyiruko, ab'amakoperative ali abakuru ali abato kandi ntibibagirwe igitsina gore. Izo nyigisho zikwiye gutangirwa muli IGA kandi hagatangwa raporo y'ibyakozwe.

Hafashwe icyemezo cy'uko Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura n'Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko bazajya bohereza raporo y'ibyo bakoze buli gihembwe kugirango turebe hakili kare ibyananiranye n'ibyashobotse kandi bizafashe Ministeri gukora neza raporo y'umwaka.

Ministri yabwiye abali mu nama ko ubulyo bwo gutegeka buli kwinshi aliko ntashobora guhêza abamwungilije kuko ibibazo byose atashobora kubikemura wenyine, bimwe bigomba gukemurwa n'abafasha be. Si byiza kandi ko ibibazo byavugirwa mu matanatama, hagomba ukuli; kwihutira kubyandika mu binyamakuru utabanje kubigeza kubashinzwe kubikemura nabyo si ubulyo bwiza kandi ni ukubura ikinyabupfura. Uwaba afite ikibazo cyihaliye yasaba umwanya wo kubonana na Ministri akakimubwira.

Yishimiye ko muli iyi minsi ubulyo bwo kuyobora urubyiruko butangiye kumvikana no kugaragara muli Prefegitura; abantu bakaba batangiye kumva ingorane abakora uwo mulimo bahura nazo. Muli Komini naho ni uko. Ibikorwa mu bigo by'urubyiruko nabyo bitangiye kugaragara hasigaye kwiga ukuntu ibyo bigo byazagera kukwihaza. Ministri yarangije asaba abali mu nama kutarangara kuli programu zashyizweho, abifuliza inama nziza no gukomeza umurego bafite mu kazi bashinzwe.

.../...

## Ibisobanuro by'Agatabo "La Jeunesse Rwandaise et ses perspectives de développement".

(MUNYAMBARAGA Narcisse, Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko)

Ako gatabo kerekana inzira nshya abashinzwe urubyiruko banyuramo kugirango barwigishe, baruyobore kandi barushyigikire mu bikorwa bigamije kongera umusaruro.

Milita MUNYAMBARAGA yatangiye yibutsa ijambo Umukuru w'Igihugu yavuze yifuliza Abanyarwanda Umwaka mushya muhire wa 1985. Icyo gihe yavuze ko umwaka wa 1985 wagombye kutubera umwanya wo gusubiza amaso inyuma tugasuzuma ibyakozwe byose kugirango urubyiruko rushobore kubona ibyo rukeneye by'ibanze, no kugirango dukaze umurego muli programu zo guha umwanya uhagije urubyiruko mu guharanira amajyambere mu bukungu, imibereho myiza y'abaturarwanda n'umuco w'igihugu cyacu.

Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, ikulikije ilyo jambo, igerageza kuva iyi myaka ibili ishize kwerekana ibyakozwe mu byerekeyo kwigisha urubyiruko, kuruyobora no kurufasha kongera umusaruro kugirango hakosorwe ibitaragenze neza, bongere amazu urubyiruko rugomba kwigiramo n'ahantu rugomba gushyira mu bikorwa ibyo rwahuguwemo.

Mu marushanwa yabaye mu myaka ya 1985 na 1986 yaragamije kureba umusaruro w'urubyiruko mu byerekeye ubuhinzi, ubworozi n'ubukolikoli no mu imulikwa ly'ibikorwa by'ubukolikoli lyabaye mu kwezi kw'ukuboza 1985, hagaragaye ko urubyiruko rwageze kuli byinshi hilya no hino mu gihugu. Aliko imikorere y'Ibigo by'Urubyiruko, amashyirahamwe y'urubyiruko n'ubuyobozi bw'urubyiruko mu nzego zose bigenda bihura n'ingorane nyinshi. Izo ngorane zituruka ahanini ku bakozi bake kandi badashoboye akazi kabo, ibikoresho bidahagije bitewe n'ingengo y'imali nkeya bagenera Ministeri ishinzwe urubyiruko, bitewa kandi n'uko nta mishinga igaragara yatez'imbere ibikorwa by'urubyiruko.

Mu gushakira umuti ibyo bibazo, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ifatanyije n'izindi Ministeri, Ibigo bya Leta cyangwa byigenga, yakoze uko ishoboye kuva imyaka icumi ishize aliko cyane cyane muli iyi myaka ibili ishize igerageza gukemura ibyinshi muli ibyo bibazo.
Kuva muwa 1974, programu yo guhugura Abayobozi b'Urubyiruko mu rwego rwa Prefegitura n'urwa Komini yarakozwe.
Mu mwaka wa 1984, Ministeri y'Urubyiruko yaraguwe bayiha n'Ubuyobozi bwa za Koperative, ibyo byerekana ko Ministeri igomba kwita ku bulyo bwihaliye ku kibazo cyo kongera umusaruro mu mashyirahamwe y'urubyiruko no mu makoperative.
Ikigo "IWACU" nacyo kihatira kwita kumahugurwa y'abayobozi, abakuru n'abanyamulyango ba za Koperative.
Hakulikijwe iyo politiki, Ubuyobozi bw'urubyiruko na koperative muli Prefegitura bwaravuguruwe kugirango programu zo muli urwo rwego zihuze n'iza Ministeri kandi Prefegitura nayo igire uruhare rukomeye mu gukangulira urubyiruko amajyambere.

.../...

Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative ahagarariye Ministeri muli Prefegitura kubyerekeye kwigisha urubyiruko n'abanyamulyango ba za Koperative, mu byerekeye kuyobora urubyiruko no kurufasha kongera umusaruro no mu byerekeye imikino n'imyidagaduro. Hatanzwe amafranga muli za Prefegitura akaba agomba gufasha amashyirahamwe y'urubyiruko; abalimu bigisha mu bigo by'urubyiruko nabo bakoze ikizamini kugirango abagitsinzwe basezererwe hasigaremo abashoboye akazi. Hali n'amasezerano Ministeri imaze kugirana na Banki z'Abaturage kugirango Leta yishingire inguzanyo zihabwa Koperative n'amashyirahamwe y'urubyiruko. Kubyerekeye amabwiliza mashya yo kwigisha no kugeza k'urubyiruko amakuru, kuruyobora, kurukulikirana no kurwinjiza mu bikorwa byongera umusaruro, Umukuru w'Igihugu yasobanuye uko byagerwaho igihe yasuraga Ikigo cya Universite kili i NYAKINAMA mu kwezi kwa gicurasi 1986. Mu gushyira ayo mabwiliza y'Umukuru w'Igihugu mu bikorwa, tugomba gusubiramo ubulyo twakoreshaga kugeza ubu bwo kwigisha, kuyobora urubyiruko no kurufasha kongera umusaruro. Programu nshya izakorwa ku bulyo bukulira :

- Gufatanya no kumvikana na Ministeri ishinzwe za CERAI, Ministeri ishinzwe za CCDFP, ORINFOR ishinzwe DECOR, Ministeri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba, Ministeri y'Inganda, n'Inyuga kugirango urubyiruko rugire uruhare mu mishinga y'ubuhinzi, rushobore kugulishiliza ibikorwa by'ubukolikoli mu mazu yabigenewe, rubone impuguke muby'ubuhinzi, ubworozi n'inyuga.

- Guhindura Ibigo by'Urubyiruko dusanganywemo za "Chantiers des Jeunes na Maisons de Jeunes" kugirango bihugure urubyiruko rwo mu mashyirahamwe, usohotse muli za CERAI bikarufasha kongera no kugulisha umusaruro warwo. Ibyo bisaba kongera amazu, kugura imodoka, kugira amafranga y'ifatizo, ibikoresho bihagije n'ibindi byangombwa bituma imikino n'imyidagaduro ikorwa mu Kigo.

- Guteza imbere ibikorwa bihesha akazi Urubyiruko. Ibyo bikorwa bigomba kubarurwa bigashyirwa mu migambi igamije guteza imbere Komini, Urubyiruko kandi rukwiye koroherezwa ubulyo bwo kubona umwenda muli Banki z'Abaturage.
- Guhugura abashinzwe kuyobora urubyiruko ali mu rwego rwa Komini cyangwa urwa Prefegitura.
- Gushyigikira inzego z'ubutegetsi bwa Leta, Imilyango n'Abagiraneza biyemeje kwigisha no kuyobora urubyiruko.
- Gushyiraho ibiro bigomba gutegura ibitabo n'ibindi bikoresho byavamo inyigisho zitangwa mu bigo by'urubyiruko.
- Kongera ibikoresho bitangwa mu buyobozi bw'urubyiruko muli Komini na Prefegitura.
- Kugena amafranga azajya afasha urubyiruko kongera umusaruro.
- Gusubira mu bulyo bwo kuyobora urubyiruko guhera ku babyeyi, muli politiki, mu bukungu no mu muco.

.../...

## Ikiganiro cy'Umukozi wa ORINFOR : (MBARAGA Paul)

Milita MBARAGA yabwiye abali mu nama ko ORINFOR ishaka ubulyo yakora kugirango urubyiruko rushobore kugira ijambo kuli radiyo no mu binyamakuru. Bafite programu ndende yo kureba ukuntu bagera k'urubyiruko, bakamenya ibibazo byarwo. Ikiganiro kigenewe urubyiruko kizitwa "Ejo nzaba meze nte ?" Kizajya gifata amasaha abili (2) mu cyumweru, isaha imwe kuwa mbere, indi saha kuwa kane.

Urubyiruko bazibandaho ni urudafite programu y'ibikorwa rukilirwa rwizerera. Aliko amasaha asanzwe y'ikiganiro cya Ministeri ishinzwe urubyiruko azagumaho. Intego z'icyo kiganiro ni izi :

- Gusanga urubyiruko aho ruli ku mirenge kugirango ruvuge ibibazo byarwo.
- Ibibazo bimaze gusesengurwa, kureba uko izindi nzego nazo zibisesengura, n'ubulyo ubutegetsi bwagiye bugerageza gushakira umuti ibyo bibazo.
- Kurutoza guhindura ibitekerezo rukareba icyo rushobora gukora, Leta ikazarutera inkunga nyuma.

ORINFOR ikeneye rero inkunga y'Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative kuko abo bashaka kwegera banyanyagiye hilya no hino ku mirenge.
Milita MBARAGA yabasabye kubwira Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative muli Komini na ba Burugumestri bagatumira urubyiruko mu nama, bakagabanya urubyiruko mu matsinda. Icyo gihe bakwiye guhamagara abasore n'inkumi babona bashabutse kurusha abandi byaba ngombwa bagafata n'amazina y'ayo matsinda bakayamenyesha ORINFOR.
Ni ngombwa kumenya umubare w'ayo matsinda ali muli Prefegitura kugirango ORINFOR irebe umubare w'abantu yakoherezayo n'iminsi bamarayo.
Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative muli Komini azajya akorera ORINFOR raporo y'ibibazo byavutse nyuma y'ibiganiro bizaba byanyuze kuli Radiyo kandi n'abakozi bayo bazajya basubirayo kugirango bumve ibyavuzwe kuli ibyo biganiro.
Aho abakozi ba ORINFOR batazaba bashoboye kugera, Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative ashobora kuganira n'urubyiruko rwaho akabikorera raporo ORINFOR.

Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative basabye ko baboroherezа ubulyo bwo gutanga amatangazo yo gukoresha inama zerekeranye n'iyo programu ya ORINFOR. Basubije ko Ministeri na ORINFOR bazabyiga bakareba ukuntu amafranga y'amatangazo yaba make. Basabye kandi ko amakuru y'imikino avuye muli Prefegitura yabona umwanya uhagije mu kiganiro cyo kuli Radiyo bita "Urubuga rw'Imikino"; babasubije ko icyo kibazo bazagisuzuma.

## Ubulyo Ibigo by'Urubyiruko byakongera umusaruro (RUSANGANWA Augustin + ABAYISENGA Anicet)

Milita RUSANGANWA yasobanuliye abali mu nama ko gutegura programu mu bikorwa byose ali ngombwa. Yavuze ko hali igihe mu mabwiliza ategulirwa muli Ministeri akoherezwa mu bigo, dusaba gukora ibintu bimwe kandi bidafite ubushobozi bumwe.

.../...

Aho gutenga ayo mabwiliza adashobora gushyirwa mu bikorwa; buli Kigo cyali gikwiye kujya cyikorera programu y'ibyo gishaka gukora.

Milita ABAYISENGA we yasobanuye uko Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko bazajya bakora kontabilite y'umutungo wose w'Ikigo. Kubera ko hali inyigisho yali yabateguliye mu nyandiko, barayisomye barangije babaza ibyo batumva, bajya n'impaka ndende kuli bimwe mu bisobanuro byatanzwe. Abali mu nama basanze izo nyigisho zilimo tekinike ikomeye ku bulyo bamwe mu Bayobozi b'Ibigo batashobora kuyumva no kuyikulikiza.

Milita MUNYAMBARAGA yasobanuye muli make ibyangombwa Ikigo gikwiye kubanza kureba kugirango kigere k'umusaruro uhagije kandi uwo musaruro ugulishwe bitagoranye.

- Umuntu agomba kumenya uko umutungo kamere uteye, amafranga agomba gushorwa mu mushinga, abantu uteganya gukoresha, ibikoresho-fatizo wakenera n'ibindi bikoresho.
- Agomba guteganya isoko azagulishilizamo ibyakozwe.
- Agomba kumenya uko ibintu bizakorwa bizaba biteye, umubare wabyo, icyo bizamara.

Hamaze gutangwa ibyo bisobanuro abali mu nama biremyemo amatsinda atatu.

- Itsinda lyagombaga kwiga ubulyo bwo kongera umusaruro mu by'ubworozi
- Itsinda lyagombaga kwiga ubulyo bwo kongera umusaruro mu by'ubuhinzi
- Itsinda lyagombaga kwiga ubulyo bwo kongera umusaruro mu by'ubukolikoli.

Mu byerekeye ubworozi, abali muli ilyo tsinda basanze umuyobozi w'ikigo akwiye kureba ubuso bw'ubutaka bafite, yasanga ali buto bakorora amatungo magufi, yasanga ali bugali bakorora amatungo manini. Akwiye kureba kandi imiterere y'ikirere (climat) kuko ishobora kugira icyo itwara amatungo amwe n'amwe. Akwiye kureba niba afite abantu bita k'ubworozi (vétérinaire) n'abatunganya urwuri; agateganya n'aho kuvulira amatungo.

Abali muli ilyo tsinda bifuje ko igihe ikigo kimaze kugira umutungo ugaragara, Ministeri yaha Umuyobozi wacyo uburenganzira bwo kugura imodoka yabafasha gutwara umusaruro i[illegible] ku masoko. Basanze buli Kigo kigomba gukora gikulikije ubushobozi bwacyo kandi ubworozi butagomba kwigwa by'umwihaliko kuko bwuzuzanya n'ubuhinzi.

Mu byerekeye ubuhinzi, abali muli ilyo tsinda basanze hagomba kubaho Komite igenga iby'umusaruro. Iyo Komite ikwiye kureba ibyangombwa bikulikira :

- ubuso bw'isambu y'Ikigo
- uko ubutaka buteye, niba bushobora kwera
- ibihingwa bishobora guhingwamo bikera neza.

Mu kigo hakwiye kubaho abakozi bahinga bagahembwa n'amafranga avuye mu byo bagulishije. Abana biga bafasha abo bakozi igihe cyo kubagara. Hakwiye kubaho kandi muli buli Kigo Umugoronome uberekera uko bahinga bya kijyambere.

Mu byerekeye isoko, bagomba gushaka aho bagulira imbuto zo gutera, ibikoresho by'ubuhinzi, amafumbire n'ibindi aliko byose bikagurwa ku giciro gihendutse.

Bagomba guteganya aho bazagulishiliza ibyo bejeje byashoboka bagashaka ilyo soko hafi y'Ikigo. Ibitaragulishwa bagomba guteganya ahantu babihunika neza.

.../...

Kuzuza ibitabo bya Kontabilite buli gihe ni ngombwa kuko bituma umuntu amenya niba akora ahomba cyangwa yunguka ahereye ku mafranga yasohotse n'ayinjiye. Mu byerekeye ubukolikoli, abali muli ilyo tsinda babaruye ubwoko bw'ubukolikoli Ibigo bikunze kwigisha, bashyira hamwe ubushobora gukorana cyangwa ubukorwa n'abantu bamwe. Basanze mu Kigo hakwiye kubamo abalimu bigisha ubwo bukolikoli, hakabamo n'abakozi bahagije bakora muli ateliye kugirango Ikigo kigire umusaruro uhagije. Ibikoresho bihagije nabyo ni ngombwa kugirango uwo musaruro ugerweho. Buli Kigo kigomba kwiha intego kigomba kugeraho gikulikije umutungo gifite, ibishobora kuboneka mu karere kilimo n'isoko gishobora kugulishilizamo ibyo cyakoze. Abali muli ilyo tsinda basanze inyaka 2 abana bigamo inyuga mu Kigo idahagije ku bulyo umwana aba azi gukora ibintu byiza bilyoheye ijisho kandi byagurwa nta ngorane; bifuje rero ko iyo myaka yaba itatu.

Mu byerekeye gucuruza ibyakozwe, hakwiye kubaho Komite ibishinzwe yaba igizwe na :

- Burugumestri wa Komini
- Umuyobozi w'Ikigo
- Umwe mu bagize Komite yo gucunga imali mu Kigo
- Umwe mu balimu bashinzwe kongera umusaruro
- Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura
- Umuyobozi w'ubukolikoli muli Prefegitura.

Amatsinda yose amaze kuvuga ibyo yize, Umunyamabanga Mukuru muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Milita MUGEMA yatanze umwanzuro ku mpaka zagiwe. Yavuze ko abakozi bose bagomba kureba icyo babyaza Ikigo bashinzwe, ibyo bikaba bireba cyane cyane abashinzwe za ateliye zizaba zashyiliweho kongera umusaruro.

Mu kigo hakwiye gushyirwaho Komite ishinzwe kureba ibyerekeye kongera no gucuruza umusaruro ikaba igizwe na :

- Umuyobozi w'Ikigo
- Umwalimu umwe uhagaraliye buli Segisiyo
- Abashinzwe za ateliye
- Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative muli Komini
- Burugumestri wa Komini
- Uhagaraliye ababyeyi.

Ikigo gikwiye guteganya ahantu urubyiruko rwo mu mashyirahamwe ruzajya rumulika ibyo rukora. Abali mu nama basabye ko ubuyobozi bukuru bw'urubyiruko muli Ministeri bwashyiraho amategeko rusange azajya agenga izo Komite zizashyirwa mu bigo.

Basaba ko Ibigo byose byashinga za ateliye ziganije kongera umusaruro kandi ibikoresho by'inyigisho bakabitandukanya n'ibizajya bikoreshwa muli izo za ateliye.

Basaba kandi ko Ministeri yajya itanga ibyo bikoresho mu ntangiliro z'umwaka.

.../...

Gusobanura programu y'imilimo Ministeri iteganya gukora uyu mwaka wa 1987.

Milita MUGEMA yabanje gusaba Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura kwivanamo ikintu cyo kuvuga ko muli Ministeri nta mushyikirano uhagije uhali cyangwa ko badafashwe nk'abandi bakozi. Abakozi bose bakorera Ministeri imwe; abakora muli Miniteri bategura amabwiliza, abo muli Prefegitura bashinzwe kuyubahiliza. Prefe nawe afite imilimo ashinzwe kimwe n'uko abandi bakozi bahagaraliye za Ministeri zabo nabo bafite ibyo bashinzwe. Nibo rero bashinzwe gukemura ibibazo bya Ministeri bahagaraliye mu rwego rwa Prefegitura. Yabibukije ko ali nabo bagomba kumenya ibibazo bishobora kuvuka mu bigo by'urubyiruko bikorera mu karere bashinzwe kandi ko aliwe bagomba kugezaho ibibazo byabo muli Ministeri batabanje kuzenguruka mu zindi nzego. Ikindi yabibukije ni uko batakwibagirwa gukulikirana za Koperative cyangwa guteza imbere imikino n'imyidagaduro, ingorane bahuye nazo bakazishyikiliza ubuyobozi bukuru bushinzwe ako kazi muli Ministeri. Bagomba kumva impamvu y'imikino muli politiki y'igihugu alibyo gufasha abantu kugira ubuzima bwiza buzira umuze. Bakumva ko za Koperative ali ubulyo bwazafasha igihugu cyacu gutera imbere mu majyambere.

Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko bagomba kureba inyigisho baha abana bakamenya ko zitandukanye n'izitangwa mu yandi mashuli asanzwe. Inyigisho ntizigomba kuba kwandika mu makaye gusa, abana bagomba kwigishwa imyuga bakamenya gukora ibintu byiza bishobora kubona isoko cyane cyane mu karere ikigo gikoreramo. Abayobozi b'Ibigo kandi bagomba gukulikirana no gufasha amashyirahamwe yashinzwe n'abasore n'inkumi babisohotsemo. Kugirango raporo z'Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative zigwe neza muli Ministeri bakwiye kuzikora batandukanya akazi ka buli buyobozi bukuru muli Ministeri.
Nyuma y'ijambo ly'Umunyamabanga Mukuru, hakulikiyeho ibisobanuro bya programu y'imilimo igomba gukorwa na Ministeri uyu mwaka. Buli Muyobozi Mukuru yagiye asobanura ibyateganyijwe gukorwa buli kwezi kugeza umwaka urangiye.
Habanje Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko Milita MUNYAMBARAGA Narcisse avuga ko iyo programu igomba kwibanda ku bibazo by'urubyiruko cyane cyane ikibazo cyo kongera umusaruro mu bigo by'urubyiruko no mu mashyirahamwe yarwo. Abakora mu bigo nibo bazi uko ibibazo biteye na programu y'ibigomba gukorwa noneho Ministeri ikabishyira kuli gahunda nyayo. Iyo programu igomba gukorwa mbere na mbere n'Ubuyobozi bw'Ikigo kugirango hamenyekane ibikenewe muli buli Kigo. Programu zo kwigisha no kuyobora urubyiruko zigomba gukorwa zihereye ku mabwiliza yatanzwe na Prezida wa Republika igihe yasuraga Ikigo cya Universite cy'i NYAKINAMA no ku mabwiliza ahora atangwa na Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Hali izigomba gutegurwa n'abakozi bo muli Ministeri n'izigomba gutegurwa n'abakozi bo hanze. Muli uko gusobanura yerekanye impamvu iyo milimo yateganyijwe n'uko izakorwa. Muli iyo milimo halimo iyihutirwa, urugero ni nko :

- Gukoresha inama abayobozi b'urubyiruko muli Komini bakabasobanulira uko ibarurwa ly'ibikorwa by'urubyiruko lizakorwa n'ibindi birebana n'akazi kabo.
- Gutegura no gukoresha amarushanwa y'amashyirahamwe y'urubyiruko, ibigo by'urubyiruko na za CERAI.

.../...

- Guhugura abalimu bigisha mu bigo by'urubyiruko n'abacunga imali y'ibigo.
- Gusura ibigo bimaze gushingwa nk'icyo muli Komini GISHYITA n'ibindi bitagenda neza kugirango ibikenewe bimenyekane.
- Gutegura umunsi w'urubyiruko (festival de la jeunesse).

Milita MUGEMA yasabye Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko gukulikirana abalimu bakorana, bakagenzura inyigisho zabo, uko bazitegura n'uko zitangwa; bakamenya abalimu badashoboye akazi bakabimenyesha Ministeri kugirango nayo ishake ukuntu yabahugura cyangwa abadafite ubumenyi buhagije bagasimburwa.

**Ibibazo byabajijwe n'Ibisubizo byatanzwe**

**Ikibazo :** Programu y'inyigisho ibigo by'urubyiruko zikulikira kugeza ubu ni imwe kandi bidafite ibikoreshofatizo bimwe n'umutungo ungana; ibyo bigatuma inyigisho zitangwa hakulikijwe gusa amasaha ali ku ngengabihe Ministeri yateguliye ibigo. Hali igiteganyijwe guhindurwa muli programu nshya ?

**Igisubizo :** Ibigo byinshi koko bitanga inyigisho zimwe nko kubaza, kudoda no kubaka aliko muli programu nshya y'inyigisho hateganyijwe kuzibanda cyane cyane kuli programu yo kongera umusaruro hakulikijwe umutungo kamere n'ibikoresho biboneka mu karere ikigo kilimo.
Hateganyijwe kandi ko ibigo bimwe bya Ministeri bizahindurwamo za "Chantiers des Jeunes" bikajya rero bihugura urubyiruko rwo mu mashyirahamwe, hakabaho na programu yo guhugura abasore n'inkumi barangije muli CERAI cyangwa mu bigo by'urubyiruko.

**Ibibazo :** - Inama z'abayobozi b'urubyiruko muli Komini zizamara iminsi ingahe ?
- Hali ubulyo buteganywa na Ministeri bwafasha Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura kugenzura imikoreshereze y'imfashanyo zitangwa mu bigo bitashinzwe na Ministeri byaba ibikoresho cyangwa abalimu.

**Ibisubizo :** Igihe abantu baje mu nama bagomba kugira icyo bayivanamo. Iyo nama rero ikwiye kumara iminsi itatu.
Hakwiye gushyirwaho ingingo-remezo zerekana ukuntu Ministeri izajya ikorana n'ibyo bigo bitali ibyayo kimwe n'Imilyango y'Urubyiruko, ikamenya ukuntu imfashanyo itanga ikoreshwa. Icyo kibazo rero kirazwi kandi muli Ministeri turatekereza ukuntu tuzagitunganya.
Ibigo byigenga n'ibigo bya Komini imfashanyo bihabwa izajya inyuzwa kuli Komini, bimenyeshwe Burgumestri n'Abayobozi b'Urubyiruko.

**Ibibazo :** - Ubulyo bwo gutanga ibikoresho Ministeri igulira ibigo bukwiye gukosorwa. Kubera ko hali igihe batanga ibikoresho bidahuje n'imilimo ikorwa mu Kigo bikaba bipfuye ubusa kandi hali ikindi Kigo kibikeneye ntikibibone.
- Mu byerekeye amarushanwa y'Ibigo by'Urubyiruko hali ibigo birengana kubera ko abashinzwe gutanga amanota batareba ibikorwa byose by'Ikigo, bakareba gusa ibyo mu milima cyangwa mu bukolikoli.

.../...

<u>Ibisubizo</u> : - Abakozi bo muli Ministeri bagomba kumenya uko ibigo bikora n'icyo bikeneye, [illegible] bizagerwaho igihe buli Kigo kizaba cyatanze programu y'ibiteganywa gukorwa. Ibigo [illegible] ububasha bwo kwigulira no gucunga bimwe mu bikoresho by'ibanze bikenera aho kugira[illegible] bikore[illegible] muli Ministeri. Kuva ubu kandi hazajya hategurwa amarushanwa hagati y'ibigo buli mwaka.

- Mu gihe hali amarushanwa ateguwe na Ministeri abashinzwe gutanga amanota bagomba kuba bumva kimwe ingingo bazajya baheraho batanga ayo manota.

<u>Ikibazo</u> : Urubyiruko ruzakorera ingando mu ishyamba lya GISHWATI ruzacumbikirwa he ?

<u>Igisubizo</u> : Abakozi ba Ministeri bashinzwe gutegura iyo ngando baratanyije n'Abayobozi b'Ibigo by'i MUTURA na KARAGO baziga neza icyo kibazo bakareba uko cyakemurwa.

Muli[illegible] MUHATURIKINDO [illegible] yasobanuye ibiteganyijwe gukorwa mu bu[illegible] bukur[illegible] imikino n'imyidagaduro. Yabwiye abali mu nama ko itegeko ligenga imikino n'imyidagaduro mu Rwanda lyemewe n'inzego z'ubutegetsi zibishinzwe, ligomba rero gutangira gukulizwa. Ilyo tegeko liteganya ko amakipi y'imikino yashyizweho n'abantu ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe azajya ayoborwa n'amashyirahamwe y'iyo mikino nayo agakorana n'amashyirahamwe mpuzamahanga. Liteganya kandi ko hazashyirwaho za Komite za Prefegitura zizajya ziyobora imikino n'imyidagaduro yo muli Komini, Segiteri na Selire z'ibigo byigenga, iby'amashuli n'ibya Leta. Harateganywa kuzashyiraho abakangurambaga b'imikino muli izo nzego. Hazatangwa rero amabwiliza asobanura uko ayo mategeko agomba gukulikizwa. Muli Komite bakwiye gushyiramo abantu bakunda imikino iyi n'iyi muli Prefegitura :

- Prefe akaba Prezida wa Komite
- Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative akaba umwanditsi wa Komite.

Mu rwego rwa Komini :

- Burugumestri akaba Prezida wa Komite
- Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative akaba umwanditsi wa Komite.

Abo bantu bandi bazashyirwa muli Komite ni ngombwa kuko umuntu umwe ntiyatunganya iyo mikino wenyine. Ubwo bareba rero nk'abacuruzi bafite ibintu bihagije bakunda imikino kandi [illegible]i, abasi[illegible]kari, n'abandi ...

Amaprefegitura amwe yatangiye kugerageza kubikora, andi nayo yarakwiye kuboneraho agatangira.

Ikibazo cy'imipira, imyambaro n'ibindi ntikigomba kutuzitira mu guteza imbere imikino, dukwiye gukoresha uduke dufite tutagombye gutegereza ko Ministeri itanga ibintu byose kandi itabishoboye. Niyo mpamvu Leta igomba kureka abantu bakunda imikino bakirwanaho bakigulira ibyangombwa bakeneye; Ministeri igafasha amakomini gukora ibibuga by'imikino, ikanashaka ukuntu yakoresha amahugurwa y'abagomba kuyobora imikino mu nzego zose.

Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative basabwe kutajya bivanga cyane mu makipi mato y'imikino akozwe n'abantu ku giti cyabo, bagomba kubareka bakishyiliraho za Komite zabo, bakishakira ibikoresho, abasifuzi hanyuma bagakemura impaka zishobora kuvuka. Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko nabo b[illegible]bana bigisha gukunda imikino kuko ibatoza kumvi[illegible] by'ubuzima.

Hakwiye rero kubaho amarushanwa hagati ya za CERAI n'Ibigo by'Urubyiruko nk'uko muli Prefegitura ya GITARAMA byatangiye.

Tugomba kandi guteza imikino gakondo imbere, tukayikundisha abantu bakajya bakora amarushanwa nk'uko muli Prefegitura ya KIBUNGO bagerageza kubikora. Ibyo bisaba gukoresha inama muli za Segiteri ukabasobanulira imikino iliho kandi ishobora gukorwa ukanabakorera Kalendali y'amarusha,wa aliko ukabasaba gukinisha ibikoresho byabo.

Ibyo nibimara gucengera mu banyarwanda imikino iziyongera kandi hashyirwaho n'amategeko ayigenga.

Hali n'indi mikino bita "Jeux de société" nk'igisoro, nayo igilba gukinwa hakabaho n'amarusha,wa yayo. Abakunze iyo mikino nibo bagomba kwishakira ibikoresho.

Mubyerekeye imyidagaduro, Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bakwiye nanone gukoresha inama bakumvisha abanyarwanda ko iyo myidagaduro ali iyabo; bakabibutsa ko imbyino zacu zakera zikwiye gusubirwaho, imbyino z'ubukwe bakazitandukanya n'izo babyina muli animasiyo.

Milita MUHATURUKUNDO yongeye kugaruka kubyerekeye umupira w'amaguru avuga ko Shampiyona igarukira mu rwego rwa Prefegitura kugeza ubu. Hakwiye kwigwa ukuntu iyo Shampiyona yahuza nibura limwe mu myaka ibili amakipe yabaye ayambere muli urwo rwego, aliko hagakorwa kalendali itunganye; Shampiyona igatangilira limwe kandi abakinnyi bakaba abo muli Komini koko. Kugira ishyaka ni byiza kuko buli wese ashaka ko ikipe ye itsinda aliko gutanga amafranga y'ikirenga kugirango ugure umukinnyi si ibyo gushyigikirwa.

Muli Prefegitura hakwiye gukorwa na shampiyona y'imipira y'intoki nka V.B. na B.B.; si ngombwa gutegereza ko amakipe aba menshi.

Kubyerekeye irushanwa lyo kwiruka ku magare, amabwiliza azatangwa aliko akamenyero ko gutegereza iteka ko abakozi ba Ministeri baza gukoresha ayo marushanwa gakwiye kuvaho. Ahali amazi naho hakwiye kujya hakorerwa amarushanwa yo koga kandi hateganyijwe inyigisho zo koga no kurohora abantu. Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bagomba gushaka abantu babikunda kandi babishoboye nk'abalimu bakohereza amazina yabo muli Ministeri.

<u>Ikibazo</u> : Mubyerekeye umuco Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ikorana ite na Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga ?

<u>Igisubizo</u> : Ministeri zombi zishinzwe guteza imbere umuco nyarwanda kandi zirafatanya. Uretse ko MINESUPRES yita ku byerekeye ubushakashatsi mu by'umuco naho MIJEUCOOP igerageza kuwugaragaliza mu bikorwa.

<u>Ibibazo</u> : - Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative ntibajijukiwe mu milimo yose Ministeri ibasaba gukora mu rwego rwa Prefegitura. Kuki igihe habaye amahugurwa mu byerekeye imikino Ministeri itaboherereza inyigisho zatanzwemo kugirango bagerageze kwihugura ubwabo ?

- Hali za Prefegitura zakoresheje amarushanwa y'imikino gakondo n'iy'imipira y'intoki kugeza ubu ibikombe byagombaga gutangwa bikaba bitaraboneka.

.../...

Ibisubizo :- Birumvikana ko hali imikino igomba tekiniki ihambaye kugirango ikorwe neza, ibyo bigasaba rero umuntu ubijijukiwemo. Kohereza impapuro zikubiyemo inyigisho nabyo birashoboka aliko hali inyigisho ziba zigeze mu ntera umuntu adashobora kuziyigisha ngo azumve. Icyangombwa ni uko bategura iyo mikino igihe cyo kuyikoresha cyagera bakiyambaza ababijijukiwemo.

- Kubyerekeye ibikombe bitatanzwe, icyo kibazo kizigwa muli Ministeri kugirango gishakirwe umuti. Amarushanwa yose akorwa ntagomba gutangwamo ibikombe kandi abayobozi b'urubyiruko bagomba guteganyiliza igihe ibizakenerwa mu marushanwa.

Milita MBATEYE Tomasi nawe yasobanuye ibyo ubuyobozi bukuru bwa za koperative buteganya gukora uyu mwaka. Kubera ko hateganyijwe gukorwa irushanwa ly'amakoperative yasabye Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative kulitegura no kulikoresha neza kurusha umwaka ushize. Amakoperative akalyitabira ali menshi. Abasaba kutinjira cyane mu mikorere ya za koperative, kwilinda kuguza amafranga abacunga-mali ba za koperative kuko iyo badashoboye kwishyulira igihe bishobora kubatesha agaciro mubo bashinzwe kuyobora no kugira inama. Ibibazo bananiwe gukemura mu rwego rwa Prefegitura bagomba kubyohereza muli Ministeri vuba kugirango hatagira ibiralirana bigatuma Koperative zisenyuka.

Abali mu nama batanze ikifuzo cy'uko programu y'inyigisho zerekeye koperative zitangwa mu bigo by'urubyiruko zategurwa n'ubuyobozi bukuru bwa za koperative muli Ministeri.

Milita MBATEYE yababwiye ko hali agatabo kateguwe n'ubuyobozi bukuru bw'urubyiruko bufatanyije n'ubuyobozi bukuru bwa za koperative kakaba kakili mu icapiro kugirango hasohoke udutabo dukwiliye ibigo byose.

Prezidansi ya Repubulika yasabye kandi ko Ministeri z'Amashuli zakwegera Ministeri ishinzwe za Koperative kugirango bige ukuntu hashyirwaho programu y'inyigisho za koperative mu mashuli kuko kugeza ubu izo nyigisho batazitaho cyane.

Kubyerekeye amahugurwa y'abayobozi b'ibigo by'urubyiruko n'abalimu hamwe n'abayobozi b'amashyirahamwe y'urubyiruko, programu y'ayo mahugurwa arategurwa ku bulyo ashobora kuzakorwa umwaka utaha.

Hifujwe kandi ko mu irushanwa ly'amakoperative hatandukanywa amakoperative asanzwe na za Banki z'Abaturage kubera ko umwaka ushize izo Banki alizo zegukanye ibihembo ahanini. Gutandukanya ayo makoperative igihe cy'irushanwa byashoboka aliko si ukuvuga ko za Banki z'Abaturage zikora neza kurusha andi makoperative.

Ilyo rushanwa ligomba kandi gutandukanywa n'ily'amashyirahamwe y'urubyiruko kuko ingingo baheraho batanga amanota zidahuje. Uretse ko amarushanwa yombi ashobora kubera igihe kimwe kugirango byorohere Ministeri n'abakozi bagomba kuyayobora.

Abali mu nama bifuje ko igihe cyagenewe amarushanwa cyakongerwa kandi amakoperative akomeye afite umutungo munini bakayatandukanya n'agitangira gukora. Icyo kifuzo bazagisuzuma neza aliko abayobozi b'urubyiruko na koperative bakwiye kubifashamo Ministeri bakayimenyesha umubare w'amakoperative n'ibyo akora muli Komini iyi n'iyi.

. . . . .

.../...

Milita MUGEMA yarangije asobanura ibyo ubuyobozi bushinzwe kwiga no kugenzura imishinga muli Ministeri buteganya gukora uyu mwaka. Ibikorwa bazibandaho cyane ni ukuyobora ibarura ly'ibikorwa by'urubyiruko ligomba gukorwa raporo yalyo igatangwa mu mpera z'uyu mwaka; kubaka no gusana amazu y'ibigo by'urubyiruko birwo na bimwe; gusesa amakoperative atagishoboye gukora ku bulyo bwemewe n'amategeko.
Mu byerekeye kwiga imishinga, Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative babifitemo uruhare runini nabo kuko bagomba kwereka Ministeri mishinga y'urubyiruko ili mu karere kabo kugirango yigwe kandi inashakirwe amafranga yo kuyitangiza.
Kubera ko muli Ministeri hali kandi service ishinzwe kumenya buli mwaka umubare w'Ibigo by'urubyiruko, amashyirahamwe y'urubyiruko n'urubyiruko ruyalimo, abakozi bakora muli Prefegitura n'abo muli ibyo bigo babifiteho uruhare runini muli iryo barura.
Bakwiye no kumenyesha ibiro bishinzwe ubwubatsi muli Ministeri amazu y'ibigo akeneye gusanwa kugirango yige uko byakorwa. Ikindi ni uko bagomba guha ibitekerezo ba Burugumestri by'ukuntu hakubakwa amazu urubyiruko rwazajya rukoreramo, rukihugulliramo kandi rukidagaduliramo.

**Ijambo lisoza inama** : (Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative NDINDILIYIMANA Augustin Lt Col BEM).

Ministri NDINDILIYIMANA yongeye kwibutsa akamaro ko kubonana, abantu bakavuga ibyo batekereza; avuga ko ibibazo byizwe muli iyo nama muli rusange atali bishya, ibyinshi birazwi kandi hali ibyagiye bibonerwa ibisubizo aliko ibibazo nta gihe bizaba bitaliho. Yasabye buli wese gukora iyo bwabaga kugirango agere kuli byinshi akulikije ubushobozi afite.

Programu z'akazi zigomba kuba zimwe, abantu bagafatanya kandi bagakora badahuzagulika. Imigambi ifatwa igomba kuba ihuje na politiki ya Ministeri kandi ishyize mu gaciro bitali iby'amagambo gusa.
Ministri yagize icyo avuga ku byifuzo byatanzwe n'abali mu nama :

- Ku byerekeye gukoresha inama kenshi abanyamulyango ba za Koperative mu rwego rwa Prefegitura na S/Prefegitura hanyuma bagasura izifite ibibazo byihaliye, ubwo bulyo bwo gukora ntibuhagije kuko Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bashinzwe no kuyobora, kugira inama no kugenzura za Koperative. Ibyo bisaba rero kujya kuzisura aho zikorera. Ikibazo ni ukubona ubulyo bwiza bwo kuzigeraho aliko kuvuga imodoka, mu gihe aliko Ministeri itazashobora kuzibona bagomba gukoresha amapikipiki bahawe.

- Ku byerekeye kumenya imikoreshereze y'imfashanyo Ministeri itanga mu bigo by'urubyiruko byashinzwe na za Komini, Imilyango itagamije inyungu n'Abagiraneza, n'ukuntu Ministeri yakorana n'ibyo bigo, Ministri yabwiye abali mu nama ko itegeko lizagenga ibyerekeye kwigisha no kuyobora urubyiruko dushinzwe lili mu nzira yo gutegurwa nk'uko itegeko ligenga imikino n'imyidagaduro n'iligenga za Koperative yashyizweho.

.../...

Mu kurangiza ijambo lye Ministri yabwiye abali mu nama ko ibyifuzo byabo ali ibya Ministeri anabizezako bazafatanya kugirango bishyirwe mu bikorwa ntibihere mu mpapuro gusa. Yabasabye gukoresha inama nabo abakozi bashinzwe kuyobora, ibyo bizatuma barushaho kumvikana n'imilimo irusheho kugenda neza. Yabasobanuliye ko Ministeri ikeneye imizi idashobora gukorera mu kirere imilimo ishinzwe. Tugomba rero gufatanya n'inzego zo muli buli kiciro, tukamenya gukora kugirango dushimwe kandi tukiha umwanya uturutse ku bikorwa tuzaba twagezeho. Tuzakora iyo bwabaga kugirango ingorane duhura nazo zigende zigabanuka. Ministri yashimye abahagaraliye Ministeri muli Prefegitura bakora neza asaba abatarabigeraho kwiminjiramo agafu. Ibigenda neza tuzabikomeza, ibigenda nabi tubikosore. Tuzakomeza gukora dukulikije politiki y'Umukuru w'Igihugu udusaba gutera intambwe ntoya aliko tujya imbere. Ministri yifulije abali mu nama kugira amahoro abasaba no kuyashyigikira.

**Ibibazo byabajijwe n'ibisubizo byatanzwe**

**Ikibazo :** Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura bahembwa imishahara mito byakubitaraho ko nta modoka z'akazi bagira bigatuma abandi bakozi bo mu rwego rumwe babasuzugura.

**Igisubizo:** Ikibazo cy'ubukene gihora kigaruka buli gihe, ikibazo cy'imodoka nacyo kirazwi kubulyo uyu mwaka hali igitekerezo cyo kugura za Jeeps SUZUKI icumi zo gukora mu ibarura ly'ibikorwa by'urubyiruko nyuma y'ako kazi zikazaguma muli za Prefegitura aliko twasanze bidashoboka. Tugomba rero kugenda buhoro buhoro twagira ibintu tubona tukabitanga aliko tuzakomeza kureba ukuntu icyo kibazo cyakemurwa ku bulyo izo modoka tuzongera kuziteganya ku ngengo y'imali isanzwe ya Ministeri y'umwaka wa 1988 tugategereza icyo Ministeri y'Imali n'Ubukungu izabivugaho. Hagati aho aliko tugomba kumenya gukora mu bukene kuko gukena atali ubutindi, tugomba rero kumenya gushakisha.

**Ikibazo:** Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative basanga ahenshi ubutegetsi bwa Prefegitura budashyigikiye akazi kabo nk'uko bashyigikira akazi ka bagenzi babo bakora muli urwo rwego; basanga kandi hali amabwiliza yerekeranye n'akazi kabo Ministeri iha ba Prefe, bo ntibibamenyeshe.

**Igisubizo :** Icyo kibazo ntikimeze kimwe hose, hali abakozi badashobora kugira umushyikirano uhagije mu bategetsi ba Prefegitura; akenshi usanga nabo badafite imyifatire myiza kandi badashoboye akazi. Buli wese agomba gutegura neza programu y'ibyo ashaka gukora akayishyikiliza Prefe umutegeka kugirango nawe agire icyo ayivugaho, anamufashe kuyishyira mu bikorwa. Ntawakwiyibagiza nanone ko ba Prefe nabo ali abantu, bose ntibashobora kumva ibyo bibazo kimwe.

Ku byerekeye ikibazo cy'uko Ministeri idaha Kopie z'amabaruwa cyangwa amabwiliza yohereza ba Prefe yerekeranye n'akazi k'Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative, Ministri yabasobanuliye ko bishobora kuba byarabaye aliko ali

.../...

ukwibagirwa; abemerera ko bazakora uko bashoboye ubutaha ntibyongere kuba.

Ikibazo : Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bibajije impamvu Ministeri itabohereje muli za Komini igihe cyo guhugura abaresponsabule ba selire, bibaza n'impamvu abakozi ba Ministeri baje muli ilyo hugurwa ntibabibamenyeshe.

Igisubizo : Ministri yabasobanuliye ko ubwo yohereje aba bakozi mu ihugurwa ly'abaselire kubera ko hali ubutumwa yabahaye bagomba kubagezaho. Gusa aho ikosa lyaba lyarakozwe ni uko abo bakozi baba bataramenyesheje Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative ko baje muli ilyo hugurwa kugirango bishobotse babaherekeze.

Ikibazo : Abakozi ba Ministeri nabo ntibashyigikiye Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative kuko iyo bageze muli Prefegitura babwira abategetsi ko ntacyo bashoboye kubera amashuli make bafite.

Igisubizo : Kuba hali abakozi basuzugura bagenzi babo bakora muli Prefegitura ni icyaha kandi bagomba kumenya ko nabo baba bitukisha banasuzuguza Ministeri hanze. Gushyigikira abakora muli Prefegitura ni byiza aliko Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bagomba gukemura utubazo duto hakili kare batagombye gutegereza ko Ministeri yohereza undi mukozi. Ikindi iyo uli mumakosa bagomba kugucyaha kandi na Prefe akabimenya.

Ikibazo : Amafranga Ministeri yohereza muli Prefegitura kugirango imikino n'imyidagaduro ishobore gutera imbere hamwe na hamwe ntakoreshwa mu by'imikino cyangwa hakagira imikino batitaho ikadindira. Bamwe mu bayobozi b'urubyiruko bagasanga impamvu ili uko ayo mafranga acungwa na ba Prefe bamwe bikundira imikino iyi n'iyi. Ministeri yali ikwiye gutanga amabwiliza yakulikizwa mu gukoresha ayo mafranga.

Igisubizo : Tugomba kumenya ko Prefe ahagaraliye Muvoma na Guverinoma muli Prefegitura; afite rero uburenganzira bwo gucunga umutungo ahawe na Ministeri iyi n'iyi. Hali ibikorwa bimwe Ministeri itangira amafranga muli za Prefegitura bikaba ngombwa ko habaho amabwiliza ayaherekeza agasobanura uko ayo mafranga azakoreshwa; aliko Ministri yasanze atali ngombwa ko amafranga atangwa mu byerekeye imikino yagira amabwiliza ayaherekeza kuko ba Prefe ali ba Resiponsabule mu rwego balimo bakagira priorité.

Ikibazo : Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bafite ikibazo cyo kugongana n'abakozi b'Ikigo "IWACU" cyo ku KABUSUNZU mu byerekeye kuyobora no kugenzura amakoperative. Bibaza niba nta mabwiliza Ministeri yatanze yerekana uko izakorana n'icyo Kigo.

.../...

**Igisubizo :** Ikigo "IWACU" kijya gushyirwaho ni Leta y'u Rwanda yabisabye, cyubakwa n'amafranga isabye gitangira gukora ku bulyo bw'umushinga kigeze aho kibona ubuzima-gatozi aliko kibinyujije kuli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Programu y'ibyo iteganya gukora mu mwaka ibanza kuyishyikiliza Ministeri kugirango igire icyo iyivugaho kandi Ministeri ifite Umukozi yihagaralira mu nama y'ubutegetsi bw'icyo Kigo. Ubusanzwe icyo Kigo gishinzwe gukora ubushakashatsi no gukoresha amahugurwa mu byerekeye amakoperative. Ministeri yandikiye ubutegetsi bw'icyo Kigo igisaba gusobanura neza akazi abayihagaraliye muli za Prefegitura bashinzwe gukora mu makoperative kugirango abakozi batazajya bayagonganiramo. Buli wese agomba gukora ibyo ashinzwe aliko ntakigomba gukorwa muli Prefegitura ubutegetsi butabizi kandi mu bya Koperative buhagaraliwe na Ankadreri.

**Ikibazo :** Mu ibarura ly'ibikorwa by'urubyiruko, Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bazabyifatamo bate ko nta modoka bazaba bafite.

**Igisubizo :** Bazakoresha imodoka za Prefegitura kuko ba Prefe bemereye Ministri ko bazazitanga aliko Ministeri igatanga lisansi (carburant).

**Ibibazo :**

- Amafranga Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative bajyana mu butumwa kugeza ubu ntarongerwa kandi ay'abandi bakozi yarongerewe.
- Igihe Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative kimwe n'Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko baje mu nama i KIGALI, Ministeri yali ikwiye kubaha amafranga ateganyijwe y'ubutumwa bakirwanaho aho kugirango babacumbikire.
- Basabye ko Ministeri yakongera amafranga iteganya guha abakozi igihe bagiye mu butumwa bagakoresha amapikipiki yabo, akaba abarwa hakulikijwe ibilometero bagenze.
- Basabye Ministeri ko yabashakira amakarita yatuma binjira ku bibuga by'imikino batarishye amafranga; banasaba imyambaro yo kujya bambara igihe bayobora imikino.

**Ibisubizo :**

- Amafranga bahabwa bagiye mu butumwa azongerwa nk'ay'abandi bakozi aliko naho ayo mafranga yaba yashize akazi ntikagomba guhagarara.
- Kubera ko Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative, kimwe n'Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko badahuje Stati igenga abakozi, ibyo bigatuma amafranga bahabwa ku munsi atangana kandi bose bakulikira umulimo umwe w'ihugurwa, Ministeri yahisemo kujya ibacumbikira ikabagabulira kugirango bamererwe neza bitabire umulimo.
- Biragoye kongera amafranga agomba guhabwa abakoresheje amapikipiki yabo mu butumwa kubera ko ayo mafranga aliyo Ministeri iheraho yishyura Abanyamerika batanze ayo mapikipiki ho inguzanyo. Aliko muli Ministeri bazakomeza kureba niba amafranga Ministeri y'Imali n'Ubukungu ituwe igenera Ministeri yacu ku ngengo y'imali yashobora kongerwa.

.../...

- Kubyerekeye kureba imikino batarishye, ni ikibazo kitoroshye n'abaprezida b'amashyirahamwe y'imikino mu Rwanda baragisuzumye aliko ntikirabonerwa umuti. Ministeri izafatanya nabo bakomeze bakige neza kugirango hatazazamo akajagali muli uko gutanga no gukoresha ayo makarita. Ibyerekeye imyambaro y'imikino amikoro ni make; Ministri aliko yabemereye amakabutura n'impira yo gukinana.

Ministri yasabye Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko kujya bagira ibiganiro n'abana bashinzwe kugirango babatoze imico myiza kuko ubu hamaze kwaduka mu banyarwanda icyorezo cyo gukunda amafranga bigatuma abantu benshi bahemuka; bakwiye kandi kubaha inyigisho z'uburere mbonera-gihugu (civisme) ziteguwe neza.

IBYIFUZO N'IBYEMEZO BY'INAMA

Abali mu nama bishimiye kandi bashyigikiye ukuntu Umukuru w'Igihugu cyacu yitaye ku kibazo cy'urubyiruko, bakaba basaba ko n'izindi nzego zose z'ubutegetsi zashyira mu bikorwa amabwiliza atanga buli gihe.

- Kubera amikoro make Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ifite, hakulikijwe n'imilimo Leta iyisaba gukora, abali mu nama balifuza ko Leta yayiha ubushobozi buhagije nko : kuyishakira ibikoresho, abakozi bahagije kandi bajijutse, amahugurwa y'abakozi bayo.

- Kubera ubwinshi n'ubwiyongere bw'urubyiruko muli iki gihe mu gihugu cyacu, abali mu nama basabye ko Leta yakwiga ukuntu yavugurura kandi ikongera Ibigo by'Urubyiruko igenga.

- Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ikwiye gushakashaka ukuntu yakwongera inyigisho zinyuranye (filière) kandi zihuje n'akarere mu bigo by'urubyiruko.

- Abayobozi b'Urubyiruko na Koperative n'Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko biyemeje gukaza umurego mu kazi kabo, aliko bakaba basaba abategetsi bo mu nzego za Prefegitura na Komini ko barushaho kubashyigikira.

- Kugirango umusaruro w'Ibigo by'Urubyiruko ushobore kwiyongera abali mu nama basabye ko Umuyobozi w'Urubyiruko na Koperative muli Prefegitura yafatanya n'Abayobozi b'Ibigo n'Abalimu bagategura programu y'ibigomba gukorwa kuko alibo bazi ibishobora gukorwa mu karere Ikigo gikoreramo. Izo programu zigomba kugezwa muli Ministeri kugirango ifate ibyemezo, ishake n'ubulyo bwo kuzishyira mu bikorwa.

- Ku byerekeye imfashanyo Ministeri itanga mu Bigo by'Urubyiruko byashinzwe na Komini, Imilyango cyangwa Abagiraneza; abali mu nama basanze ali ngombwa ko hashyirwaho ingingoshingiro (critères) zerekana uko imfashanyo ya Leta yatangwa muli ibyo bigo n'ukuntu Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yakorana nabyo.

.../...

- Kugirango umutungo w'Ibigo by'Urubyiruko ucungwe neza, abali mu nama basanze abacunganali mu bigo bakwiye gutegenyilizwa ku bulyo bwihutirwa amahugurwa bagahabwa inyigisho ... ka kazi kabo neza.

- Ku byerekeye amarushanwa akorwa mu gihugu haba mu rwego rw'imikino cyangwa urw'amashyirahamwe na za Koperative, basanze hakwigwa ukuntu ibikombe bihabwa ababaye abambere byaherekezwa n'ishimwe ly'amafaranga agereranyije, abayahawe bakayakoresha uko babyumva.

- Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko basabwe gushinga amakipi y'imipira y'amaguru n'iy'amaboko mu bigo byabo bakayaha amazina y'ishyaka kandi ibigo bili mu karere kamwe bikajya bikora kenshi amarushanwa.

- Kugirango politiki ya Ministeri igamije guhindura Ibigo ifite ubu mo za "Chantiers yongere umusaruro wacyo, izo ateliye zigahabwa abakozi babishoboye kandi bahagije.

......

ABAJE MU NAMA Y'ABAYOBOZI B'URUBYIRUKO NA ZA KOPERATIVE MULI PREFEGITURA N'ABAYOBOZI B'IBIGO BY'URUBYIRUKO YABEREYE I KIGALI-KABUSUNZU KUVA KUYA 13 WERURWE 1987.

| Nom et Prénom | Fonction |
|---|---|
| 1. MUGEMA Romuald | ! Secrétaire Général au MIJEUCOOP |
| 2. MUNYAMBARAGA Narcisse | ! Directeur Général de la Jeunesse au MIJEUCOOP |
| 3. HAKIZIMANA Protais | ! Chef de Division Formation au MIJEUCOOP |
| 4. KARANGWA Callixte | ! Encadreur Préfectoral de BYUMBA |
| 5. NZABILINDA Joseph | ! Encadreur Préfectoral de BUTARE |
| 6. MBARAGA Etienne | ! Encadreur Préfectoral de GITARAMA |
| 7. MVUNABANDI Emmanuel | ! Encadreur Préfectoral de KIBUYE |
| 8. MURENGERANTWALI Félicien | ! Encadreur Préfectoral de GIKONGORO |
| 9. SENKWARE Célestin | ! Encadreur Préfectoral de KIGALI |
| 10. KAYOBOKE Ferdinand | ! Directeur de la Planification au MIJEUCOOP |
| 11. Soeur Marie Télesphore | ! Agent du Ministère |
| 12. KAREGA Principi | ! Directeur du C.F.J. MUTURA |
| 13. MUSANGANYA Jean-Claude | ! Directeur du C.F.J. GAKONI |
| 14. MUSINDARWEJO Bellancilla | ! Encadreur-Adjointe de CYANGUGU |
| 15. MUKABURA Spéciose | ! Chef de Bureau Mouvements de Jeunesse au MIJEUCOOP |
| 16. RUTAMBUKA Claudien | ! Chef de Bureau Enquête et Statistiques au MIJEUCOOP |
| 17. MBONEZA Gaspard | ! Chef de Bureau Groupements Socio-Economiques au MIJEUCOOP |
| 18. RUSANGANWA Augustin | ! Chef de Division Production au MIJEUCOOP |
| 19. ABAYISENGA Anicet | ! Agent de la Division Production au MIJEUCOOP |
| 20. NDEKEZI-KAREKEZI Marcel | ! Directeur des Coopératives et Associations Mutualistes |
| 21. RUBANGURA J.Bosco | ! Encadreur au C.F.J.-KARAGO |
| 22. RUHANAMILINDI Jean Chrysostome | ! Directeur du C.F.J. de NYANZA |
| 23. Frère GAKUBA Athanase | ! Directeur du C.F.J. GACULIRO |
| 24. NTAMFURAYISHYALI Jean | ! Directeur du C.F.J. de MULINDI |
| 25. KAVANGE Léodomir | ! Directeur Adjoint du C.F.J. de KABARE |
| 26. MWITABANGOMA J.M.V. | ! Directeur du C.F.J. de MUKINGO |
| 27. HAKIZIMANA Maharaliel | ! Directeur du C.F.J. de GISHYITA |
| 28. NYILINKINDI Aloys | ! Directeur du C.F.J. de MASAKA |
| 29. KAYIBANDA Donat | ! Directeur du C.F.J. de SHYOGWE |
| 30. NDIKUMANA Joseph | ! Directeur du C.F.J. de MPANDA |

.../...

| | |
|---|---|
| 31. SENGOGA Jean Baptiste | ! Directeur du C.F.J. de KIRWA |
| 32. NGULINZIRA Mathias | ! Encadreur-Adjoint de RUHENGERI |
| 33. NYABYENDA Boniface | ! Directeur du C.F.J. de MAYANGE |
| 34. MUGABO Jean-Pierre | ! Directeur du C.F.J. de GATI |
| 35. HABIYAKARE Jean Baptiste | ! Encadreur Préfectoral de la Jeunesse de GISENYI |
| 36. MUSONERA Evariste | ! Directeur du C.F.J. de NYAMAGABE |
| 37. KAMATALI Jean Bosco | ! Directeur du C.F.J. de MUGESERA |
| 38. KAREKEZI Epimaque | ! Chef de Division Encadrement au MIJEUCOOP |
| 39. HABONIMANA Emmanuel | ! Directeur-Adjoint au C.F.J. NYANTANGA |
| 40. KURAZIKUBONE Joseph | ! Directeur de l'Encadrement et Formation ! au MIJEUCOOP |
| 41. MUNYANEZA Epimaque | ! Agent de la Division Encadrement au MIJEUCOOP |
| 42. NIYOKINDI Agnès | ! Agent du MIJEUCOOP |
| 43. KANYANGE Anne-Marie | ! Agent du MIJEUCOOP |
| 44. MUKANKUBITO Annonciata | ! Agent du MIJEUCOOP |
| 45. MUGEMANGANGO André | ! Agent du MIJEUCOOP |